

GUSHYIGIKIRA IMIKURIRE Y'UMWANA

BINYUZE MU MAHUGURWA YUZUYE KU BABYEYI

Iyi nyandiko ishyigikira ko:



- **Ababyeyi bakeneye kuyoborwa** mu kumenya uburyo bwo gufasha abana mu mikurire: mu gihagararo, mu marangamutima, mu mibanire n'abandi, no mu bwenge.
- **Imikurire mu bwenge itangira umwana akivuka**, kandi ubumenyi bw'ibanze mu gusoma ni umusingi w'ingirakamaro ufasha umwana kuzitwara neza mu ishuri no mu buzima.
- **Ababyeyi bose, ari abazi gusoma no kwandika ndetse n'abatabizi**, bashobora gufasha abana mu rugendo rwo kumenya gusoma binyuze mu twitoto dukorerwa mu rugo.
- **U Rwanda rukeneye gahunda y'amahugurwa yuzuye ku babyeyi** ibafasha kumenya kurera neza n'uburyo bwo gufashiriza abana bato mu rugo kumenya gusoma no kwandika.

Ibihe bya mbere by'ubwana (imyaka 0-6) ni igihe gikomeye cyane mu mikurire y'umuntu. Muri iki gihe ni bwo ubwonko, umubiri n'amarangamutima bitangira gukura. Umushyikirano mu miryango yabo ndetse n'abandi bantu bo hirya no hino bigira ingaruka z'igihe kirekire ku buzima, imibanire, amarangamutima n'ubwenge bityo bikagira n'ingaruka ku iterambere ry'igihugu. Ibyo abana badashoboye kubona mu buto bwabo bashobora kutazongera kugira amahirwe yo kubibona kabone n'iyi bazagira ubuzima bwiza bamaze gukura.¹

Ababyeyi ni bo barezi ba mbere b'abana babo.

Kuva umwana akivuka, akanya kose ahawe ko gukina no kwitegereza kamufasha kwiga akiri muto. Ababyeyi cyangwa abashinzwe kwita ku bana bashobora kugira uruhare rukomeye mu kubyaza umusaruro ako kanya. Politiki ivuguruye irebana n'umuryango mu Rwanda iha agaciro uruhare rw'ababyeyi mu kurera neza ariko **ababyeyi bakeneye ubumenyi butuma bashyira iki gitekerezo mu bikorwa.**


Amahugurwa ashobora gufasha ababyeyi kwita ku bana neza no gutanga ubukangurangingo abana bakeneye kugira ngo bakure neza.² Amahugurwa yuzuye ku babyeyi atangwa mu rwego rw'umudugudu ni uburyo bwiza bwo kugera ku miryango no ku bana cyane cyane abakiri bato (hagati y'imyaka 0-3) ndetse n'abana badashobora kugira amahirwe yo kujya mu mashuri y'inshuke.³

Ababyeyi ni bo barezi ba mbere b'abana, ariko bakeneye ubumenyi bubafasha kwita ku bana neza no gutanga ubukangurangingo abana bakeneye.

¹ CDC, "The Science of Early Childhood Development: Closing the Gap between What We Know and What We Do," (Harvard University: Center on the Developing Child, 2007).

² Judith L. Evans, "Parenting Programmes: An Important Ecd Intervention Strategy," (UNESCO, 2006).

³ Nikita Tolani, Jeanne Brooks-Gunn, and Sharon Lynn Kagan, "Parenting Education Programs for Poor Young Children: A Cross-National Exploration," (New York: Teachers College, Columbia University, 2006).



Amahugurwa yuzuye ku babyeyi agizwe nibura n'ibyiciro bitatu by'ingenzi mu mikurire y'abana: mu gihagararo, mu bwenge, no mu marangamutima n'imibanire n'abandi. **Inzego z'ubuyobozi, mu kwiyezama amahugurwa yuzuye ku babyeyi** igizwe n'ibyo byiciro bitatu, zizaba zigeze ku ntego z'iterambere ry'igihugu—kuko aya mahugurwa azaba afashije ababyeyi kurera abantu bazima, bashyitse mu bwenge no mu marangamutima.

Muri ibi byiciro uko ari bitatu, icyiciro cy'imikurire mu bwenge usanga abantu batacyumva neza kandi akenshi ntibagihe agaciro kacyo, cyane cyane ku bana bato (imyaka 0-3). Gukura mu bwenge bitangira kuva umwana akivuka kandi gutangira gutegurira umwana umusingi uzamufasha kwitwara neza mu ishuri no mu buzima bitangira atatangira ishuri. **Ubumenyi shingiro bwo kumenya gusoma ni umusingi w'ingirakamaro ufasha abana iyo bageze mu ishuri** Ubushakashatsi bwinshi bwerekana ko kutamenya gusoma no kwandika bituma abana batiga neza mu ishuri, bigatuma umubare w'abana bareka ishuri wiyongera, kandi bakabaho mu bukene ntibabone n'amahirwe yo kubona akazi.⁴

Urugendo rwo kumenya gusoma no kwandika neza

rutangira abana bakiri bato.⁵ Abana batangira kwiga

amajwi y'ururimi mu gihe baba bigana ibivugwa n'ababitaho. Nyuma y'aho batangira kwiga amagambo n'imiterere y'ururimi binyuze mu kuganira n'ababyeyi babo cyangwa abandi babitaho. Ikindi kandi, abana bakiri bato bashobora kumenya ko inyandiko runaka ifite icyo isobanuye, mu gihe bahawe amahirwe yo guhura n'inyandiko nyinshi nk'ibimenyetso, ibisobanuro byanditse ku bintu, n'ibindi bintu byanditse ushobora kubona mu rugo. Uku guhura kenshi n'inyandiko bifasha abana kumenya ko inyuguti zinyuranye zigize alufabe zifite amazina atandukanye zikagira n'amajwi bijyanye. Ikindi kandi batangira kumenya ibijyanye n'ibitabo bakiri bato – uko bahindura amapaji, icyerekezo bakurikiza basoma n'akamaro k'ibitabo.



Abana bakomoka mu miryango y'abantu batazi gusoma bashobora kutabona ubu bumenyi mu rugo. Ubushakashatsi buherutse gukorerwa mu bice binyuranye by'u Rwanda bwerekanye ko ari gake cyane ababyeyi baganira n'abana babo; imiryango mike ni yo ibonera abana ibyo gusoma; kandi akenshi mu rugo nta bikoresho byo kwandika biba bihari.⁶

⁴ C.E. Snow and A. Ninio, "The Contracts of Literacy: What Children Learn from Learning to Read Books," in *Emergent Literacy: Writing and Reading*, ed. W.H. Teale and E. Sulzby (Norwood, NJ: Ablex, 1986).

⁵ F. Lancy, "The Conditions That Support Emerging Literacy," in *Children's Emergent Literacy: From Research to Practice*, ed. F. Lancy (London: Praeger, 1995).

⁶ Catherine Honeyman, "Collaborative Child-Raising Practices in Rural Rwanda: A Case Study of Six Communities in Gatsibo, Nyaruguru, and Bugesera," (Kigali, Rwanda: Plan International-Rwanda, 2013); Michael Tusiime, Elliott Friedlander, and Sima Malik, "Literacy Boost

Guteza imbere ubumenyi bw'ibanze umwana abonera mu rugo biroroshye: mu gihe abonye amahugurwa, umubyeyi uwo ari we wese—yaba uzi gusoma no kwandika cyangwa utabizi—ashobora gufasha abana kugira umusingi w'ubumenyi mu gusoma no kwandika. Ababyeyi bazi gusoma no kwandika bo bashobora gutangira basomera abana ibitabo by'amashusho n'inkuru. Ababyeyi batazi gusoma bashobora gukoresha utwitotoz tworoheje twafasha abana kunguka ubumenyi mu gusoma—mushobora kubona ingero n'ibitekerezo kuri iyi ngingo ku musozo w'iyi nyandiko.

Umubyeyi wese—yaba azi gusoma no kwandika cyangwa atabizi—ashobora gufasha abana kugira ubumenyi shingiro mu gusoma yifashishije udukino tworoheje imuhira.

Ababyeyi bakeneye amahugurwa abafasha kumva uburyo n'impamvu byo gutegura abana kumenya gusoma bakiri bato no kubatoza mu rugo udukino tubafasha mu mikurire.

Ababyeyi bakeneye amahugurwa kugira ngo bashobore kumva uburyo n'impamvu byo guteza imbere ubumenyi shingiro butegura abana kwiga gusoma, ndetse n'iyindi myitotoz ikorerwa mu rugo igamije iterambere ry'umwana. Nkuko u Rwanda rufite gahunda yo gushyigikira Uruhare rw'Umubyeyi mu kurera neza ijyanye na politiki ivuguruye y'umuryango, hari uburyo bwinshi leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo mw'iterambere bashobora kwigishamo ababyeyi ibirebana n'imikurire y'umwana mu bwenge, mu marangamutima n'imibanire n'abandi. Urugero, inama za buri kwezi z' *Umugoroba w'Ababyeyi*, ni umwanya mwiza wo kubigisha mu rwego rw'igihugu uko bafasha abana kugira ubumenyi shingiro bwo gusoma no kwandika. Kugira ngo ibyo bishoboke, ni uko izi nama zajya zitegurwa neza hakabaho abashinzwe kuziyobora ku buryo bunoze, kandi byaba ngombwa hakitabazwa imfashanyigisho.

Amahugurwa ku babyeyi mu gufasha abana gusoma bishobora no gukorwa hifashishijwe ibiganiro ku maradiyo, inama zo ku *umuganda* cyangwa inama z'ishuri zihuza ababyeyi b'abana bo mu mashuri abanza. Hanyuma, Politiki y'u Rwanda irebana n'uburenganzira bw'umwana isaba ko hajyaho abantu bashinzwe ibikorwa by'imbonezamubano mu baturage. Inshingano zabo ni ukubonera umuti ibibazo bijyanye n'imikurire y'umwana yuzuye; mu kubategura bagomba guhabwa amahugurwa y'uburyo bakwigisha ababyeyi ibintu binyuranye bijyanye no gufashiriza abana mu rugo kugira ubumenyi shingiro mu gusoma.

Bimwe mu Byakwifashishwa mu Mahugurwa Yuzuye ku Babyeyi

- Gushyiraho urwego mpuzabikorwa rushinzwe gahunda y'amahugurwa yuzuye ku babyeyi
- Gutanga imfashanyigisho z'ibiganiro bikorwa mu gihe cy' *Umugoroba w'Ababyeyi*.
- Gushyiraho ibiganiro bica kuri radiyo bivuga ku mukurire y'umwana.
- Gusaba abayobozi b'imidugudu kuvuga ku byerekeye kwita ku bana nyuma y'umuganda.
- Kuvuga ku mukurire y'umwana mu nama zigenewe ababyeyi zibera ku ishuri.
- Guhugura abakozi bashinzwe ibikorwa mbonezamubano mu baturage.

Abafatanyabikorwa b'u Rwanda mu iterambere n'inzeho z'ubuyobozi bashobora gufatanyaga mu gushyiraho no gusakaza gahunda y'amahugurwa yuzuye ku babyeyi, hibandwa ku mikurire y'abana mu gihagararo, mu bwenge, no mu marangamutima n'imibanire n'abandi—harimo ubumenyi shingiro bwo gusoma. Iyi gahunda, izaba ari umusingi w'iterambere ry'igihugu.

UKUNTU ABABYEYI BATEZIMBERE IMIKURIRE Y'ABANA MU BWENGE

Ganira, rimbana, kina n'umwana

0-1: Icara urebana n'umwana hanyuma uririmbe cyangwa uvuge ku bice bigize umubiri we, ibyo akunda n'ibyo yanga, n'ibindi. Tegereza urebe uko abyifatamo (mu majwi no mu bimenyetso) mbere yo gukomeza.

1-3: Korana n'umwana wawe mu bikorwa byawe bya buri muni umureke agufashe mu mirimo inyuranye ariko abikora nk'imikino. Musobanurire ibyo urimo gukora, umubaze ibibazo kandi umufashe kumenya amazina y'ibintu.

1-6: Igisha umwana indirimbo, imigani y'imigenurano, cg amasengesho uzi. Mwigishe amagambo mashya kandi maremare kurushaho.

Fatanya n'umwana gusoma

0-3: Nibura rimwe mu muni icarana n'umwana wawe mufatanye kureba igitabo cg ikindi kintu cyo gusoma. Mubaze ibibazo bijyanye n'ibyo abona ku mashusho. Soma mu ijwi riranguruye; musubiremo mwese.

4-6: Mu gihe murimo gufatanyaga gusoma, fasha umwana kumenya amashushongerero amwe n'amwe, inyuguti, ibihokane n'amagambo. Shishikariza umwana gusoma mu ijwi riranguruye inyuguti, ijwi, cyangwa ijamba asanzwe azi.

Ku babyeyi batazi gusoma no kwandika: Murebere hamwe ibitabo mugire icyo muvuga ku mashusho. Saba umwana mukuru asome mu ijwi riranguruye.



Fatanya n'umwana kwandika

1-4: Reka abana bakine bashushanye mu mukungugu bakoresheje uduki cyangwa bifashishije ibikoresho byo kwandika n'ibipapuro. Bereke uko baca imirongo cyangwa bigane uko ushushanya amashushongerero ru-naka. Kora ku buryo icyo myitozo ibashimisha kabone n'icyo batayikora neza cyane.

3-6: Kora uruherekane rw'amashushongerero, ibimenyetso, cyangwa inyuguti. Reka umwana ageregeze kwigana urwo ruhererekane ku rupapuro cyangwa mu mukungugu. Reka umwana wawe akubwire inkuru cg akugezeho igitekerezo; andika ibyo akubwiye.

5-6: Fasha umwana kwandika amazina y'ibintu bimenyerewe.

Gushyiraho urubuga rufasha abana gusoma

- Manika ku rukuta amafoto n'amashusho bijyanye n'ikigero cy'abana. Jya ugenda ubihindura rimwe na rimwe. Ganira n'abana ku byo barimo kukwerekana.
- Shaka ibitabo n'ibindi bintu byo gusoma ku buryo abana bahabwa uburenganzira bwo kubikoraho mu rugo. Bigishe uko bafata ibitabo ku buryo badaca impapuro.
- Shaka impapuro, ikaramu y'igiti, ikaramu y'amabara ubihe abana. Reka abana babyifashishe bakina.
- Tizanya ibitabo n'abaturanyi mu rwego rwo guha abana amahirwe yo gusoma ibindi bintu bishya.